

## AMATANGAZO AGENEWE ABIZERA BITORERO KUBYEREKEYE VIRUSI YA KORONA (COVID-19)

Ubuyobozi bwabadivantisti bo muri Finlande bwakoze inama kubyerekeranye na virusi ya korona ningaruka zikwirakwizwa ryayo kuya 16.03.2020. Kubwo ibihe bidasanzwe byatangijwe muri Finland muburyo bwokugabanya ubukana bwikwirakwizwa ryicyorezo cyakorona, kuya 13.03.2020 hemejwe ko ubu butumwa bugomba kumenyeshwa abizera bitorero. Leta yatangaje kuya 16.03.2020, ko ibi bikubiye murayamabwiriza bigomba kubahirizwa kugeza kuya 13.04.2020. (Ibyingenzi bikubiye mumatangazo ya Leta):

- Igikundi cyabantu barenze 10 nticyemewe,
- Turasaba abantu kwirinda kujya ahantu hahurira abantu benshi ntampamvu.
- gusura abantu bashaje cyangwa abafite intege nke (nkabarwayi bindembe) birabujijwe,
- Abarengeje imyaka 70 yubukure barasabwa kwirinda guhura nabandi bantu (kimwe nabantu bari mukato),
- Abaturuka hanze yigihugu bashyirwa ahabugenewe nibura ibyumweru 2.

Ibyamaze kuvugwa haruguru bifite ingaruka zikomeye kubikorwa byitorero ryabadiventisti, murikigihe ibikorwa by'amatorero nubuyobozi bizahinduka kubwo kudateranira hamwe kuzageza kuri 13.04.2020. Itorero ryabadiventisti ryifatanyanyije nabandi byimazeyo muguhangana nicyorezo cya korona. Ibi ntibisobanuye kwimirimo yitorero izahagarara kabone nubwo insengero zizaba zifunze byagateganyo. Impinduka zishobora kuba andi mahirwe yuburyo bushya bwimikorere no kwegera abatarabizera, kandi itorero rikomeje gushishikariza abantu gukoresha uburyo bwitumanaho mumatorero barimo.

***Amabwiriza akurikira agomba kugenderwaho kugeza kuri 13.04.2020, mugihe cyose ubuyobozi butaragira ikindi butangaza.***

### Amateraniro

- Amateraniro yurubiruko (Nuortentapahtuma *PRESENT*) yasubitswe burundu, kuko leta yafunze amashuri.

### Gahunda zamatorero kugeza kuri 13.04.2020

- Birabujijwe guteranira munsengero cyangwa gutegeza ibindi bikorwa ibyo aribyo byose bihuriwemo nabantu benshi. Gusa abantu barimuni 10 bashobora guteranira mumateraniro abera kuri mudasobwa (abo bantu bose bagomba kubanza kumenya ko aribazima kandi bagakurikiza inama zatanze mbere) kugirango abantu bakomeze kubona uburyo bahimbaza Imana muribibihe bidasanzwe.
- Turashishikariza abantu gutanga kimwe mwicumi namaturo hifashishijwe konti yabanki kuri interineti.
- Nandi materaniro yose arabujijwe (amatsinda mato, amatsinda yisenga, amagaburo, nibindi), kuko abantu bagomba kwirinda kwegera (gukoranaho).
- Leta yategutse ko abarengeje imyaka 70 yamavuko birinda kwegera abandi. Amatorero arasabwa gushaka uwo kwita kurabobantu barengeje imyaka 70 kuba babona ibiribwa.
- Gutanga no gukwirakwiza ibyokurya, ADRA Finland yatanze amabwiriza abigena. Abantu bafite riski yo kwandura ntabwo bemerewe kujya gutanga ibiribwa.

### Guterana kwiga ishuli ryabibiliya no gusenga hifashishijwe ikoranabuhanga.

- Hifashishijwe urubuga rwa media7.adventist.fi hatangajwe uburyo abantu bo bava mumatsinda andukanye bakwiga ishuli rya bibiliya hakoreshejwe ikoranabuhanga no kwirinda gukora ingendo.
- Ibyigisho bica kuri mudasobwa kumasabato azaza bizategurirwa cyane cyane Aitolahti na Annankatu. Ibindi wabisanga kuri Media7.

**Amabwiriza akurikira azarangirana nukwa 4.2020, mugihe ntakindi kindi ubuyobozi butangaje:****Gahunda**

- Amateraniro makuru yitorero ryabadivantisti muri Finland ahagaritswe kugeza ukwezi kwa 4 kurangiye. Hagomba kwirindwa gukora ingendo nkuko leta yabitegetse.
- Kuba gahunda zasubitswe, bisobanuyeko nabavugabutumwa cyanga nabandi barikuzitabira ayo materaniro bazaba batakiye. Kandi no muri cyo gihe ntabazava muri Finland bajya hanze.
- Ibi bireba ibikorwa bibera muri Finland: Imikio yo mugihe cyubukonje yagenewe Abagenzi (*Polunkävijöiden talvitaitotapahtuma*), Iminsi rusanze yomugihe cy'urugaryi (*Yhteyspäivät koko keväältä*), Umunsi wurubiruko kwisi (*Global Youth Day*), Umunsi wogusangirira hamwe (*Seurakunta syö yhdessä -teemapäivä*), amarushanwa yabibiliya nimikino yinyoki (*Raamattu- ja lentopalloralli*), umunsi mpuzamahanga wababana nubumuga ndetse nuwabashakanye (*kansainvälinen vammaistyön teemapäivä sekä Tunne yhteys -aviopäivä*).
- Ishuri ryabana rya OIKOS Opetuslapseuskoulu, ryemeje gutangira mukwa6 ahokuba mukwa5. Andi matangazo yibanze azatangwa kurubuga rwa oikos.fi.
- Ibyerekeye gukambika niminsi mikuru bikorwa mumpeshyi (Kesän 2020 leiri) bizanzurwa nyuma.

**Inama za inyoni, amashuri namatorero**

- Inama zizakorwa hifashishijwe ikorana buhanga kugeza mumpera zukwa4.

**Gahunda zamatorero guhera kuya 16.03.2020**

- Turashishikariza abizera bitorero bari hanze yigihugu kutazitabira ibikorwa byitorero mugihe cyibyumweru 2 nyuma yokugaruka bavuye hanze.
- Mugihe umwe mubagize umuryango yagaragayeho ibimenyetso ntabwo wemerewe kugira aho uhurira nibikorwa byitorero.

**Amavuna no guhura hagati yabagize itorero**

- Yaba abakozi cyangwa abasanzwe bose ntibemerewe gukora amavuna kugeza ukwa 4.2020 kurangiye. Guterana hifashishijwe murandasi wabisanga kuri paje ibanza.
- Guhagarika amavuna bisobanuyeko abakozi bitorero bazajya baboneka hakoreshejwe telefone, emeli, Skaipe..) kuko hagomba kwirinda gusurana.
- Abandi bakozi bamaze kumenyeshwa uburyo bashobora kwitwara mumirimo yabo.

**Ibigo byamashuri**

- Ibigo byamashuri yabadivantiste azagendera kumabwiriza yimijyi, yuturere na leta.

Mukurikirane ibyo ibigo byubuzima bibashishikariza kandi mubyubahirize. Izindi nama namabwiriza ajyanye na virusi ya korona atangwa nikigo cyubuzima wayasanga kurururubuga rurihasi(suomeksi):

<https://thl.fi/fi/web/infektiaudit-ja-rokotukset/ajankohtaista/ajankohtaista-koronaviruksesta-covid-19>

Amatangazo atangwa na leta (suomeksi):

[https://valtioneuvosto.fi/artikkeli/-/asset\\_publisher/10616/hallitus-totesi-suomen-olevan-poikkeusoloissa-koronavirustilanteen-vuoksi](https://valtioneuvosto.fi/artikkeli/-/asset_publisher/10616/hallitus-totesi-suomen-olevan-poikkeusoloissa-koronavirustilanteen-vuoksi)

Inama zisuku ryintoki nogukorora (Ibi bigomba gushyirwa munsengero aho bashyira amatangazo):

<https://aineistopankki.thl.fi/I/28Kmmw89m2Hn>

Inama z'isuku (Ibi bigomba gushyirwa munsengero aho bashyira amatangazo):

<https://www.ttl.fi/ohjeistus-siivoukseen-covid-19/>